



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali ku wa 24 Mutarama 2012

UBUTEGETSI BW'IBANZE BUKOMEJE GUHOHOTERA ABATURAGE

Muri iki gitondo cyo kuwa 24 Mutarama 2012 umubyeyi witwa UWIMANA Jeannette utuye mu mudugugu wa Rando, akagari ka Kiraga, umurenge wa Nyamyumba, akarere ka Rubavu yakubiswe iz'akabwana n'umuyobozi w'ako kagari witwa NIYIBIZI Clémentine. Uwo mutegetsu yageze n'aho yitabaza abunganira mu by'umutekano (Local defence) maze uwo mubyeyi bamupfura imisatsi, barakubita, baramunozza nyuma bajya kumufunga ari intere kuri station y'abapolisi iri kuri Brasserie.

Uwo mutegetsu yari yamuzindukiyeho ngo aje kugenzura iby'isuku. Asanzwe amutoteza ku buryo mu gihe cy'amezi abiri amaze kumuca amafaranga ibihumbi 25 kandi kenshi ntamuhe n'icyemezo cy'ayo mafaranga. Kubera ko yabanje kwanga ko bamukubita, bamushyizeho icyaha cyo kwigomeka ku butegetsu. Polisi yaje gutegeka uwo muturage gusinya ku ngufu inyandiko isaba imbabazi kugira ngo bamureke atahe, adafungwa akurikiranyweho gukubita no kwigomeka ku bategetsu. Uwo mutegetsu kandi ni kizibose muri kariya karere kubera ingeso yo kuragiza imihini abaturage ategeka.

Ishyamba FDU-Inkingi riramagana imyitwarire, igitugu n'ikiboko biranga benshi mu bayobozi b'utugari (Cell Executive Secretaries). Abaturage ntibagomba kuragizwa imihini nk'inyamaswa. Ibi kandi bikaba biri hafi mu turerere twinshi tw'igihugu nk'uko abaturage bamaze iminsi babyamagana ku maradiyo atandukanye no mu biganiriro bica kuri Televiziyo na Radiyo bya leta. Leta ikomeje guterera agati mu ryinyo.

Turasaba Leta guhana by'intangarugero abayobozi bahohotera abaturage mu gihugu hirya no hino.

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Visi Perezida w'agateganyo

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>